Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

A. BNR: Amabwiriza / Directive / Directive

N° 01/2017 yo kuwa 02/10/2017
Amabwiriza y'Ishami rishinzwe Iperereza ku Mari yerekeye imenyekanisha ry'amafaranga ku mupaka…….....2
N° 01/2017 of 02/10/2017
Directive of the Financial Intelligence Unit on cross border cash declaration…….....2
N° 01/2017 du 02/10/2017
Directive de la Cellule de Renseignements Financier sur la déclaration d'espèces à la frontière…….....2

***B. RDB: INDUSTRIAL PROPERTY JOURNAL* N° 63/2017**.....15

AMABWIRIZA N° 01/2017 YO KUWA 02/10/2017 Y'ISHAMI RISHINZWE IPEREREZA KU MARI YEREKEYE IMENYEKANISHA RY'AMAFARANGA KU MUPAKA	DIRECTIVE N^{O} 01/2017 OF 02/10/2017 OF THE FINANCIAL INTELLIGENCE UNIT ON CROSS BORDER CASH DECLARATION	DIRECTIVE N° 01/2017 DU 02/10/2017 DE LA CELLULE DE RENSEIGNEMENTS FINANCIERS SUR LA DECLARATION D'ESPECES A LA FRONTIERE
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENT**	**TABLE DES MATIERES**
Ingingo ya mbere: Ikigamijwe n'intego	**Article one: Purpose and objective**	**Article premier : Objet**
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 2: Definitions**	**Article 2 : Définitions**
Ingingo ya 3: Ingano y'amafaranga amenyekanishwa	**Article 3: Declaration ceiling**	**Article 3: Plafond de déclaration**
Ingingo ya 4: Kumenyekanisha	**Article 4: Declaration requirement**	**Article 4: Exigence de déclaration**
Ingingo ya 5: Itangazwa ry'umubare w'amafaranga aherwaho mu kumenyekanisha	**Article 5: Publication of the threshold amount for the declaration**	**Article 5 : Publication du seuil de déclaration**
Ingingo ya 6: Imyaka y'umenyekanisha	**Article 6: Age of the declaring person**	**Article 6: Age du déclarant**
Ingingo ya 7: Gutanga raporo	**Article 7: Reporting**	**Article 7 : Transmission de rapport**
Ingingo ya 8: Kutamenyekanisha	**Article 8: Failure to declare**	**Article 8 : Défaut de déclaration**

Ingingo ya 9: Ikekwa ry'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba cyangwa ibyaha bifitanye isano na byo	**Article 9: Suspicion of money laundering and financing terrorism or related offences**	**Article 9: Soupçon de blanchiment d'argent et financement du terrorisme ou des infractions connexes**
Ingingo ya 10: Ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza	**Article 10: Implementation of this Directive**	**Article 10 : Mise en application de cette directive**
.Ingingo ya 11: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya Mabwiriza	**Article 11: Repealing provision**	**Article 11 : Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 12: Igihe aya Mabwiriza atangirira gukurikizwa	**Article 12: Commencement**	**Article 12 : Entrée en vigueur**

AMABWIRIZA N° 01/2017 YO KUWA 02/10/2017 Y'ISHAMI RISHINZWE IPEREREZA KU MARI YEREKEYE IMENYEKANISHA RY'AMAFARANGA KU MUPAKA	**DIRECTIVE N^{O} 01/2017 OF 02/10/2017 OF THE FINANCIAL INTELLIGENCE UNIT ON CROSS BORDER CASH DECLARATION**	**DIRECTIVE N° 01/2017 DU 02/10/2017 DE LA CELLULE DE RENSEIGNEMENTS FINANCIERS SUR LA DECLARATION DE MONNAIE EN ESPECES A LA FRONTIERE**
Rishingiye ku Itegeko n° 47/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rikumira kandi rihana iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba cyane cyane mu ngingo zaryo iya 6, iya 7 n'iya 20;	Pursuant to Law n^{o} 47/2008 of 09/09/2008 on prevention and penalizing the crime of money laundering and financing terrorism especially in articles 6, 7 and 20;	Vu la Loi N°47/2008 du 09/09/2008 relative à la prévention et à la répression du blanchiment de capitaux et du financement du terrorisme, spécialement en ses articles 6, 7 et 20;
Rishingiye ku Iteka rya Perezida n°27/01 ryo kuwa 30/05/2011 rigena Imiterere Imikorere n'Inshingano by'Ishami Rishinzwe Iperereza ku Mari nkuko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2 n'iya 19;	Pursuant to the Presidential Order n^{o} 27/01 of 30/05/2011 determining the organization, functioning and mission of the Financial Investigation Unit as modified and complemented to date, especially in articles 2 and 19;	Vu l'Arrêté Présidentiel n°27/01 du 30/05/2011 portant organisation, fonctionnement et mission de la Cellule de Renseignements Financiers telle que modifiée et complétée à ce jour spécialement en ses articles 2 et 19;
Bimaze gusuzumwa no kwemezwa n'inama y'abagize Inama Ngishwanama y'Ishami rishinzwe Iperereza ku Mari yo kuwa 02/12/2015;	Pursuant to the decisions of the Advisory Board of the Financial Intelligence Unit of 02/12/2015;	Vu la décision du Conseil Consultatif de la Cellule de Renseignements Financiers du 02/12/2015;
Ishami Rishinzwe Iperereza ku Mari mu ngingo zikurikira ryitwa" Ishami " ritegetse:	The Financial Intelligence Unit hereinafter referred to as the" Unit" directs:	La Cellule des Renseignements Financiers, ci-après dénommée'' Cellule '' ordonne :

Ingingo ya mbere: Ikigamijwe n'intego	**Article one: Purpose and objective**	**Article premier: Objet**
Aya mabwiriza agamije kugena ingano y'amafaranga kashi cyangwa inyandiko mvunjwafaranga bitemerewe kwambutswa umupaka byinjizwa cyangwa bisohorwa mu Rwanda bitamenyekanishijwe ku bakozi ba serivisi z'abinjira n'abasohoka cyangwa ba gasutamo bahakorera no kugena uburyo iryo menyekanisha rikorwa.	This Directive aims at setting an amount of money in cash or negotiable instruments whose holders are not permitted to cross the borders leaving or entering the territory of the Republic of Rwanda without prior declaration to the immigration/emigration or customs officials and establishing a system of declaration of money in cash thereon.	La présente directive a pour objet de déterminer le montant d'argent en espèces ou les instrument négociables avec lesquels les détenteurs ne sont pas autorisés de transporter avec eux en sortant ou en entrant sur le territoire de la République du Rwanda sans déclaration préalable aux agents du service d'immigration/émigration ou de douanes et d'établir un système de déclaration.
Ingingo ya 2: **Ibisobanuro by'amagambo**	**Article 2: Definitions**	**Article 2** : **Définitions**
Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira asobanura:	In this Regulation, the following words and expressions shall mean:	Dans le présent règlement, les mots et expressions suivants signifient:
1° **Inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite**: ikubiyemo inyandiko zifite agaciro k'ifaranga zanditse kuri nyirazo: nka sheki z'ingendo, inyandiko mvunjwafaranga (sheki, inyandiko nteganya bwishyu n'inyandiko mpesha faranga) ari mu mazina ya nyirayo cyangwa yanditswe ho undi inyuma, zakozwe nta nyirazo uzanditseho ku buryo kuzihererekanya byakoroha; inyandiko zituzuye	1° **Bearer negotiable instruments (BNIs)**: includes monetary instruments in bearer form such as: traveler's cheques; negotiable instruments (including cheques, promissory notes and money orders) that are either in bearer form, endorsed without restriction, made out to a fictitious payee, or otherwise in such form that title thereto passes upon delivery; incomplete instruments (including cheques, promissory notes	1° **Instruments négociables au porteur**: comprend les instruments monétaires au porteur tels que : les chèques de voyage ; les effets de commerce (notamment les chèques, billets à ordre et mandats) qui sont soit au porteur, soit endossables sans restriction, soit établis à l'ordre d'un bénéficiaire fictif, ou qui se présentent sous toute autre forme permettant le transfert sur simple

(harimo sheki, inyandiko nteganya bwishyu n'inyandiko mpesha faranga) ziriho umukono, ariko nta zina rya nyirazo zifite;	and money orders) signed, but with the payee's name omitted;	remise ; les instruments incomplets (notamment chorus, billets à ordre et mandats) signés, mais sur lesquels le nom du bénéficiaire a été omis;
2° **Umukozi ubifitiye ububasha**: Umukozi w'urwego rw'abinjira n'abasohoka cyangwa uwa gasutamo ;	2° **Competent staff** : Immigration/emigration or customs offices employees;	2° **Agent compétent**: employé du service immigration/émigration ou de douane;
3° **Ibyambukiranya imipaka**: ni amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga biva mu gihugu kimwe bijya mu kindi. Ijambo risobanura kandi ubwikorezi bukorwa mu buryo bukurikira: (1) ubwikorezi bukozwe n'umuntu ku giti cye bwaba mu biri mu mizigo afite cyangwa mu mu modoka; (2) imizigo y'amafaranga cyangwa y'inyandiko mvunjwafaranga biri muri za kontineri; (3) amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga biri mu mabaruwa afitwe n'umuntu ku giti cye;	3° **Physical cross-border transportation:** refers to any in-bound or out-bound physical transportation of currency or BNIs from one country to another country. The term includes the following modes of transportation: (1) physical transportation by a natural person, or in that person's accompanying luggage or vehicle; (2) shipment of currency or BNIs through containerised cargo or (3) the mailing of currency or BNIs by a natural or legal person.	3° **Transport physique transfrontalier:** désigne toute entrée ou sortie physique d'espèces ou d'instruments négociables au porteur d'un pays à un autre. Le terme couvre les modes de transport suivants : (1) transport physique par une personne physique, dans les bagages accompagnant cette personne ou dans son véhicule; (2) expédition d'espèces ou d'instruments négociables au porteur par fret en conteneur; et (3) expédition par courrier, par une personne physique ou morale, d'espèces ou d'instruments négociables au porteur.

<u>Ingingo ya 3</u>: Ingano y'amafaranga amenyekanishwa Ingano y'amafaranga cyangwa agaciro k'impapuro mvunjwafaranga byemerewe kuvanwa cyangwa kwinjizwa ku butaka bw'u Rwanda nyirabyo atarinze kubimenyekanisha ni amadolari y'Amerika atarenga ibihumbi icumi (10.000 USD) cyangwa iyo ngano mu bundi bwoko bw'amafaranga.	**<u>Article 3</u>: Declaration ceiling** The amount of money or the value of the negotiable instruments that a person is allowed to carry leaving or entering the territory of Republic of Rwanda without need to make declaration shall not exceed ten thousand American Dollars (USD 10,000) or equivalent thereof in other currencies.	**<u>Article 3</u>: Plafond de déclaration** Le seuil du montant d'argent ou la valeur d'effets négociables qu'une personne est autorisée à emporter en entrant ou en quittant le territoire de la République du Rwanda sans devoir faire la déclaration ne doit pas dépasser dix mille Dollars (10.000 USD) ou son équivalent en d'autres monnaies.
<u>Ingingo ya 4</u>: Inshingano yo kumenyekanisha Umuntu uwo ari we wese winjiye mu Rwanda cyangwa wifuza gusohoka mu Rwanda agendanye amafaranga cyangwa impapuro mvunjwafaranga birengeje umubare uvugwa mu ngingo ya 3 y'aya mabwiriza agomba kubimenyekanisha ku mukozi ubifitiye ububasha. Imenyekanisha rikorerwa ku rupapuro rw'imenyekanisha ruboneka ku mukozi ubifitiye ububasha ukorera ku mupaka, ku kibuga cy'indege no ku cyambu. Kumenyekanisha bikorerwa ibyikorerwa byambukiranya imipaka bigaragara ndetse	**<u>Article 4</u>: Declaration requirements** Any person leaving or entering the territory of the Republic of Rwanda transporting the amount of cash or negotiable instruments whose value exceeding the ceiling prescribed in article 3 of this Directive shall declare it to the competent staff. The declaration shall be done on the form available to the competent staff at border crossing, airport and any other ports. The declaration is required for all physical cross-border transportation, whether by travelers or through mail and cargo.	**<u>Article 4</u>: Exigence de déclaration** Toute personne qui entre sur ou sort du territoire de la République du Rwanda en transportant le montant d'argent ou des effets négociables dépassant le plafond prévu à l'article 3 de cette directive, doit faire une déclaration à l'agent compétent. La déclaration est faite sur le formulaire de déclaration disponible auprès d'un agent compètent aux ports, aéroports et autres frontières nationales. La déclaration est requise pour tous les transports physiques transfrontaliers, que ce soit

n'ibinyujiwe mu mabaruwa cyangwa imizigo iri muri za kontineri.		par des voyageurs ou par courrier et fret en conteneur.
Ingingo ya 5: Itangazwa ry'umubare w'amafaranga aherwaho mu kumenyekanisha	**Article 5: Publication of the threshold amount for the declaration**	**Article 5: Publication du seuil de déclaration**
Amatangazo agaragaza umubare w'amafaranga aherwaho mu kumenyekanisha ashyirwa ku mipaka yose y'u Rwanda, ku byambu, ku bibuga by'indege, n'ahandi hantu nyabagendwa hafasha kugera kubo bireba vuba. Ayo matangazo ashyirwa mu Kinyarwanda n'indimi zemewe mu butegetsi bwa Leta y'u Rwanda. Ashobora ariko gushyirwa no mu zindi ndimi zikoreshwa cyane ku mupaka cyangwa icyambu iki n'iki.	The threshold amount for the declaration shall be published at the national borders, ports, airports, and any other places that can facilitate to easily convey the message to the public. The publication shall be done in Kinyarwanda and all official languages used in the Republic of Rwanda. The publication may also be in any other languages used frequently at such specific border or port.	Le seuil de déclaration est affiché sous forme de communiqué aux frontières nationales, aux ports, aux aéroports et autres endroits permettant au public d'accéder facilement à l'information. Ces communiqués doivent être libellés en Kinyarwanda et dans les langues officielles de la République du Rwanda. Les communiqués peuvent aussi être affichés en d'autres langues fréquemment utilisées à une frontière donnée.
Ingingo ya 6: Imyaka y'umenyekanisha	**Article 6: Age of the declaring person**	**Article 6: Age du déclarant**
Imenyekanisha rivugwa mu ngingo ya 3 y'aya mabwiriza rikorwa n'umuntu ufite cyangwa urengeje imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko cyangwa se umwana utayigejejeho winjiye cyangwa usohotse mu Rwanda adaherekejwe n'umurinzi.	The declaration prescribed in article 3 of this Directive shall apply to a person aged of 18 years and above. It applies also on an under 18 years old leaving or entering the territory of the Republic of Rwanda not accompanied by a guardian.	Le seuil du montant prévu à l'article 3 de la présente directive s'applique à une personne âgée de 18 ans et plus. Il s'applique également à une personne âgée de moins de 18 ans lorsqu'elle sort ou entre sur le territoire de la République du Rwanda sans être accompagnée par son gardien.

Iyo ari umwana uherekejwe n'umurinzi, amafaranga y'uwo mwana akomatanywa n'ay'umurinzi we hakarebwa ko atarengeje umubare uteganywa mu ngingo ya 3 y'aya mabwiriza. Mu gihe umubare w'amafaranga yabo ukomatanyijwe urenga umubare wemewe, umurinzi amenyekanisha uwo mubare ukomatanyijwe akoresheje inzira ziteganywa n'aya Mabwiriza. **Ingingo ya 7: Gutanga raporo** Abakozi babifitiye ububasha bohererezа Ishami impapuro zujujwe n'icyo babivugaho mu minsi itarenze ibiri (2). **Ingingo ya 8: Kutamenyekanisha** Mu gihe umugenzi adakoze imenyekanisha cyangwa se akoze imenyekanisha ry'amakuru atari ukuri, 5% y'umubare w'amafaranga acibwa ako kanya n'umukozi ubifitiye ububasha.	Amounts carried by an individual under 18 years when he/she is with the guardian shall be added to the amounts carried by his/her guardian in determining if the amount does not exceed the ceiling specified under article 3 of this Directive. In case of the total amount of the guardian and the individual under 18 years old exceeds the ceiling; the guardian shall declare the amount in accordance with the provisions of this Directive. **Article 7: Reporting** The competent staff shall submit the filled forms and their observations to the Unit within two (2) days. **Article 8: Failure to declare** In case of failure to declare or false declaration by a traveller, the competent staff shall charge a pecuniary sanction of five percent (5%) of the concerned funds immediately.	Le montant détenu par une personne âgée de moins de 18 ans est ajouté au montant détenu par le gardien pour déterminer si le seuil prévu à l'article 3 de cette directive n'est pas dépassé. Au cas où le montant total dépasse le plafond, le gardien déclare la totalité conformément aux dispositions de la présente directive. **Article 7 : Transmission de rapports** Les agents compétents soumettent à la Cellule les formulaires remplis ainsi que leurs observations endéans deux (2) jours. **Article 8 : Défaut de déclaration** En cas de défaut de déclaration ou de fausse déclaration par un passager, une sanction pécuniaire de cinq pour cent (5%) du montant d'argent est imposée et déduite immédiatement par un agent compétent.

Ingingo ya 9: Ikekwa ry'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba cyangwa ibyaha bifitanye isano nabyo	**Article 9: Suspicion of money laundering and financing terrorism or related offences**	**Article 9: Soupçon de blanchiment d'argent et financement du terrorisme ou des infractions connexes**
Iyo hari ikekwa ry'icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba n'ibyaha bifitanye isano na byo, umukozi ubifitiye ububasha afatira amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga kugira ngo akore iperereza kandi anasabe n'ibisobanuro by'inyongera.	In case there is a suspicion of money laundering and financing terrorism or related offences, the competent staff has the power to stop or restrain the cash or negotiable instruments for further investigation and may request the bearer additional information.	En cas de soupçon de blanchiment d'argent et de financement du terrorisme ou des infractions connexes, l'agent compétent bloque ou rétien l'argent ou les instruments négociables pour une enquête plus approfondie et peut demander au porteur des informations supplémentaires.
Umukozi ubifitiye ububasha abimenyesha Ishami mu gihe cy'iminota mirongo itatu (30).	The competent staff shall inform the Unit within thirty (30) minutes.	L'agent compétent en informe la Cellule endéans trente (30) minutes.
Ishami rigomba gufata icyemezo mu gihe cy'isaha imwe kuva ribimenyeshejwe.	The Unit shall make a decision within one (1) hour as from the notice.	La Cellule décide de la suite à réserver au dossier dans une (1) heure à compter de la réception de l'information.
Iyo nta mpamvu zikomeye z'ikekwa ry'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba n'ibyaha bifitanye isano nabyo amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga bizubizwa nyirabyo.	If no serious grounds of suspecting money laundering, financing terrorism activities, or related offences, the cash or negotiable instruments shall be returned to the owner.	S'il n'y a aucuns indices sérieux de blanchiment de capitaux ou de financement du terrorisme ou d'autres infractions connexes, l'argent ou les instruments négociables doivent être remis au propriétaire.
Iyo hari impamvu zikomeye zituma hakekwa iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba n'ibyaha bifitanye isano nabyo kandi byatuma hagenzwa ibyaha, Ishami rifatira amafaranga	If there are serious grounds of suspecting of money laundering or financing terrorism activities or related offences justifying the criminal proceeding, the Unit shall temporary	Lorsque la Cellule estime qu'il existe des indices sérieux de blanchiment de capitaux ou de financement du terrorisme ou d'autres infractions connexes justifiant les poursuites

cyangwa inyandiko mvunjwafaranga igahita ishyikiriza inzego z'ubugenzacyaha dosiye kugira ngo zifate ibindi byemezo.	seize cash or negotiateable instruments and submit the case to criminal investigation services for further actions.	pénales à l'encontre du présumé, elle saisit l'argent temporairement ou instrument négociables et soumet l'affaire aux services d'enquête judiciaire pour d'autres actions.
Ingingo ya 10: Ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza	**Article 10: Implementation of this Directive**	**Article 10 : Mise en application cette directive**
Abakozi b'ibiro by'abinjira n'abasohoka, abakozi ba gasutamo hamwe n'abapolisi bakorera ku mipaka n'ibibuga by'indege ni bo bagomba gukurikirana ko ibiteganyijwe muri aya Mabwiriza byubahirizwa.	Immigration/emigration, customs and police officers deployed at national borders, airports and ports are required to ensure the implementation of this Directive.	Les agents du service d'immigration/émigration, les agents des douanes et les agents de la Police Nationale déployés aux frontières nationales, aux aéroports et aux ports sont chargés de la mise en application de cette directive.
Ingingo ya 11: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya Mabwiriza	**Article 11**: **Repealing provision**	**Article 11: Disposition abrogatoire**
Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya, kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.	All prior provisions contrary to this Directive are hereby repealed.	Toutes les dispositions antérieures contraires à la présente directive sont abrogées.
Ingingo ya 12: Igihe aya Mabwiriza atangirira gukurikizwa	**Article 12**: **Commencement**	**Article 12: Entrée en vigueur**
Aya Mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono. Atangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Directive shall come into force on the date of its signature. It shall be published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente directive entre en vigueur le jour de sa signature. Elle est publiée au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 02/10/2017 **(se)** **RWANGOMBWA John** **Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda akaba na Perezida w'Inama Ngishwanama y'Ishami Rishinzwe Ipererereza ku Mari**	Kigali, on 02/10/2017 (se) **RWANGOMBWA John** **Governor of the National Bank of Rwanda and Chairperson of the Advisory Board of the Financial Intelligence Unit**.	Kigali, le 02/10/2017 (se) **RWANGOMBWA John** **Gouverneur de la Banque Nationale du Rwanda et Président du Conseil Consultatif de la Cellule des Renseignements Financiers**.

INYANDIKO YO KUMENYAKANISHA AMAFARANGA YAMBUKANWA UMUPAKA/ CROSS BORDER CASH DECLARATION FORM/ FORMULAIRE DE DECLARATION DE VALEUR DE MONNAIE EN ESPECES A LA FRONTIERE

Icyitonderwa/Note/Remarque:

- Niba ufite amafaranga arenga ibihumbi cumi by'amadolari y'Amerika (10,000) cyangwa angana na yo mu yandi mafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga zifite ako gaciro uzuza iyi nyandiko.
- Please declare any amount you carry if the amount of money exceeds ten thousand US dollars (USD 10,000) or its equivalent in any other currency or bearer negotiable instruments above the stated amount.
- Veuillez déclarer tout le montant d'argent que vous portez si ce montant est supérieur à dix mille dollars américains (10.000 USD) ou son équivalent dans toute autre monnaie ou les instruments négociables au porteur au-dessus du montant précédemment cité.
- Kutuzuza iyi nyandiko cyangwa kuyuzuzaho amakuru anyuranye n'ukuri bishobora gutuma ufatirwa ibihano by'amafaranga cyangwa mpanabyaha.
- Failure to declare or false declaration may lead to pecuniary sanctions or criminal proceeding.
- Le défaut de déclaration ou la fausse déclaration peut provoquer des sanctions pécuniaires ou une procédure pénale.

Itariki/Date/Date	
Amazina yose (Umuntu ku giti cye/Ikigo): Passenger's (legal entity's) full names: Noms (Personne Physique ou Morale):	
Nº y'Indangamuntu/Paseporo/Icyemezo cy'iyandikwa: Passport/ID/Certificate of registration Nº: Nº du Carte d'identité/Passport/ Certificat d'enregistrement:	
Ubwenegihugu/Nationality/Nationalité:	
Icyo ukora/Profession/Profession/business:	
Aho uvuye/Ugiye/Departure from/to/Lieu d'origine/destination:	
Uburyo ugiye/winjiye/ Mode of travel/ Moyen de transport	
Nº y'indege/Flight nº / Nº d'avion (niba hakoreshejwe indege/where applicable/ en cas d'avion):	
Aho ubarizwa mu Rwanda na telephone/ Address in Rwanda and telephone/ Adresse au Rwanda et telephone	
Umubare w'amafaranga wamenyekanishijwe (FRW/USD): Declared amount in (FRW/USD: Montant déclaré en (FRW/USD):	
Impamvu yo gutwara iyo ngano y'amafaranga/ Purpose of carrying such amount/Raison de port d'un tel montant:	
Umukono/Signature/Signature:	

OFFICIAL USE: Immigration/Customs	
Inspector's Names	
File nº	
Date & Time of completion	
Venue (Border)	
SIGNATURE AND STAMP	